RWANDA FDA
Rwanda Food and Drugs Authority
P.O. Box 84 Kigali
info@rwandafda.gov.rw
www.rwandafda.gov.rw

Kigali, 03rd, April, 2020
ReN°: ODG/006/RwandaFDA/2020

Impamvu: Guhagarika ikoreshwa ry'imiti yose isukura intoki yitwa BEU Hand Sanitizer ikorwa n'uruganda rwa Holly Trust Ltd, ruherereye mu karere ka Kamonyi.

Ikigo gishinzwe kugenzura ibiribwa n'imiti mu Rwanda (Rwanda FDA) gishingiye kunyandiko N°: 564/Rwanda FDA/2020 yo ku itariki ya 1 Mata 2020 yahagarikaga umuti usukura intoki witwa BEU Hand Sanitizer ufite Nomero: **090208032022**, aho ibisubizo byavuye ku isuzuma ry'ibipimo ngenderwaho byo muri Laboratwari byagaragaje ko uwo muti utujuje ibisabwa kugirango ukoreshwe mu gusukura intoki;

Hashingiwe kandi ku bugenzuzi bwakoze kuruganda rukora iyo miti aho rwakoraga nta cyangombwa rufite kirwemerera gukora iyo miti gitangwa n'urwego rubifitiye ububasha, dushingiye kandi ku bugenzuzi bwakozwe ku baranguza iyo miti ndetse n'abayidandaza aho twasanze imyishi muri yo idafite numero iyiranga (batch numbers). Ikigo gishinzwe kugenzura ibiribwa n'imiti (Rwanda FDA) gihagaritse imiti **yose** isukura intoki yitwa **BEU hand sanitizers ikorwa n'uruganda Holly Trust Ltd, ruherereye mu karere ka Kamonyi, umurenge wa Runda.**

Ingamba zafashwe

1. Rwanda FDA yahagaritse by'agateganyo ikorwa ry'imiti isukura intoki mu ruganda rwa Holly Trust Ltd
2. Rwanda FDA iramenyesha abantu bose cyane cyane abakoresha n'abakwirakwiza iyo miti bayifite mu bubiko bwabo, guhagarika kuyikoresha, kuyikwirakwiza no kuyisubiza aho bayikuye
3. Rwanda FDA iributsa abantu bose kugenzura amakuru ari ku birango by'imiti mbere yo kuyakira no kuyikoresha.

Tubashimiye ubufatanye bwanyu

Dr. Charles KARANGWA
Ag. Director General

AMAFOTO Y'IMITI IREBWA N'IRI TANGAZO

A FDA
Rwanda Food and Drugs Authority